

# ABADAHIGWA BADAHUSHA INTEGO





## IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO

***IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO GISOHOKA BURI KWEZI KIBANDA KU MAKURU ATANDUKANYE Y'IBYAKOZWE MU MIYOBORERE MYIZA, UBUKUNGU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE***

1357 @rulindodistrict info@rulindo.gov.rw

INKURU Z'INGENZI Z'IBYAKOZWE MU KWEZI KWA 11/ 2025

# UGUSHYINGO, 2025

**RULINDO: PEREZIDA W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO GERTRUDE KAZARWA N'UMUYOBOZI W'AKARERE BIFATANYIJE N'ABATURAGE MU MUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI K'UGUSHYINGO**



**RULINDO: ESWATINI YAJE KWIGIRA MURI RULINDO UKO GAHUNDA Z'UBUREZI N'IZO GUTEZA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE ZISHYIRWA MU BIKORWA.**



**RULINDO: ABATURAGE BARASABWE KWITABIRA SIPORO NO KUGIRA ISUKU**



**RULINDO: HATANGIJWE UBUKANGURAMBAGA BW'IMINSI 16 BWO KURWANYA IHOHOTERWA**




**RULINDO: ABADEPITE BASHIMYE INGAMBA ZAFASHWE N'UBUYOBOZI BW'AKARERE ZIREBANA NO KURWANYA UBUCUKUZI BUTEMEWE BW'AMABUYE Y'AGACIRO.**



**RULINDO: URUBYIRUKO RUSAGA 4000 RWIGISHIJWE IMYUGA ITANDUKANYE BINYUZE MU MUSHINGA BULIZA YOUTH EMPOWERMENT.**



## PEREZIDA W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO GERTRUDE KAZARWA N'UMUYOBOZI W'AKARERE BIFATANYIJE N'ABATURAGE MU MUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI K'UGUSHYINGO



*Perezida w'inteko ishinga amategeko Gertrude Kazarwa hamwe n'Umuyobozi w'Akarere bari mu muganda n'Abaturage b'Umurenge wa Ntarabana*

Kuwa 29/11/2025 mu mirenge yose igize Akarere hakozwe umuganda rusange usoza ukwezi kwa 11 ku rwero rw'Akarere wabereye mu murenge wa Ntarabana aho Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite, Hon. Gertrude Kazarwa ari kumwe n'umuyobozi w'Akarere Madamu Mukanyirigira Judith n'abandi bayobozi bifatanyije n'abaturage bo muri uyu Murenge.

Muri uyu muganda wanatangirijwemo ubukangurambaga bw'isuku hakozwe ibikorwa bitandukanye birebana n'Isuku birimo kubaka imiserege y'amazi, gucukura ibyobo bifata amazi,gutema ibihuru no gutoragura imyanda.
uyu muganda wanitabiriwe n'Abadepite bari bamaze icyumweru mu ngendo rusange mu Karere ka Rulindo, ndetse n'inzego z'umutekano zirimo Ingabo na Polisi ku rwego rw'Intara y'Amajyaruguru, hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere.



*MUKANYIRIGIRA Judith UMUYOBOZI W'AKARERE*

Umuyobozi w'Akarere yashimiye abaturage bitabiriye uyu muganda abasaba kwimakaza isuku haba ku mubiri ndetse naho batuye .

Uyu muganda kandi wanakozwe ku rwego rw'ibigo by'amashuri byose byo mu Karere ka Rulindo, uko ari 134, aho abanyeshuri, abarimu n'abayobozi b'amashuri bifatanyije mu bikorwa by'Isuku

Nyuma y'umuganda, abayobozi bagiranye ibiganiro n'abaturage.
Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Hon. Gertrude Kazarwa, yashimye abaturage b'Umurenge wa Ntarabana ku ruhare rwabo mu kwitabira gahunda z'Akarere cyane cyane ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo mbonera cy'Akarere n'imikoreshereze y'ubutaka..



*Gertrude Kazarwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko*

Hon. Gertrude Kazarwa,by'umwihariko, yashimye Hakizimana Daniel, umuturage wagizwe indashyikirwa mu kwimakaza isuku mu Karere ka Rulindo, asaba abaturage bose kumwigiraho no gukomeza kugira isuku ku mu biri n'aho batuye..

## UMUYOBOZI W'AKARERE MUKANYIRIGIRA JUDITH YASABYE ABATURAGE KWITABIRA SIPORO NO KUGIRA ISUKU



*UMUYOBOZI W'AKARERE YITABIRIYE SIPORO ISOZA UKWEZI KWA 11*

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Madamu Mukanyirigira Judith, arasaba abaturage kwimakaza umuco wa siporo nk'inkingi y'ingenzi mu guteza imbere ubuzima bwiza, isuku n'imibanire myiza.
Ibi yabigarutseho ubwo yifatanyaga n'abaturage bo mu mirenge ya Base na Bushoki mu gikorwa cya Siporo Rusange cyabereye mu mirenge yose y'Akarere. Ku rwego rw'Akarere, siporo yabereye mu Murenge wa Bushoki.

Madamu Mukanyirigira Judith yari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Bwana Mutaganda Théophile, aho bashimangiye ko siporo ifasha kurwanya indwara zitandura ikongera ubumwe n'ubusabane mu baturage, ndetse ikanakurikirana n'umuco wo kugira isuku.

Umuyobo w'Akarere kandi yashimiye Abaturage bitabiriye siporo abasaba gukomeza kuyigira umuco no kwita ku isuku.

**ESWATINI YAJE KWIGIRA MURI RULINDO UKO GAHUNDA Z'UBUREZI N'IZO GUTEZA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE ZISHYIRWA MU BIKORWA.**



*Umuyobozi w'Akarere ushinzwe Imibereho myiza Y'Abaturage MUTAGANDA Theophile hamwe n'Itsinda riturutse muri Eswatini basuye G.S Masoro*

Ku wa 27/11/2025 Abahagarariye Minisiteri y'Uburezi n'Amahugurwa mu bwami bwa Eswatini bagiriye urugendoshuri mu karere ka Rulindo rugamije kwiga ku mikorere y'Urwego rw'Uburezi ku rwego rw'Akarere, n'imikoranire mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gusomakubara mu byiciro by'uburezi bw'ibanze.
Intego nyamukuru y'uru rugendo n'ugusangira ubumenyi ku mikorere ya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, n'bikorwaby'iyi Minisiteri.



*MUTAGANDA Theophile Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage yakira itsinda riturutse muri Eswatini.*

Akarere ka Rulindo niko katoranyijwe mu kwakira iri tsinda ry'Abanya Eswatini riyobowe n'umuyobozi w'uburezi muri minisiteri y'uburezi n'amahugurwa muri Eswatini Dr. Tholakele MNGOMETULU aho bakiriwe n'umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage MUTAGANDA Theophile ari kumwe n'umukuru wa polisi mu karere ndetse n'Ukuriye Inkeragutabara mu karere ka Rulindo.

Nyuma yo gusobanurirwa uko Urwego rw'uburezi rw'ubakitse mu karere n'imikorere yarwa iri tsinda ryasuye ikigo cy'ishuri cya GS masoro basura ishuri ry'incuke ndetse n'ikigo mbonezamikurire ry'abana bato ECD rya Isooko community Development riri mu murenge wa Masoro.



*Itsinda riturutse muri Eswatini riri gusobanurirwa uko Urwego rw'uburezi rwubatse ku rwego rw'Akarere ka Rulindo*

Dr. Tholakele MNGOMETULU yavuze ko yashimye uburyo gahunda zo guteza imbere uburezi n'imibereho myiza y'abatishoboye zishyirwa mu bikorwa ndetse ko uru ruzinduko rubafashije kwiga neza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gusoma no kubara mu byiciro by'uburezi bw'ibanze n'ingo mbonezamikurire z'Abana bato ndetse na gahunda nziza yo gufasha abatishoboye binyuze mu kubongerera ubushobozi



*Dr. Tholakele MNGOMETULU umuyobozi w'itsinda ry'Abanya ESWATINI*

Yakomeje avuga ko uru rugendo shuri barwigiyemo byinshi bagiye gushyira mu bikorwa mu gihugu cyabo cya Eswatini birimo uburyo bwo gushyiraho gahunda zigamije gufasha abagore kubongerera ubushobozino kubafasha kwigirira icyizere.
Mu mwaka w'Amashuri wa 2024-2025 Akarere ka Rulindo kaje ku mwanya wa 3 mu gihugu mu gutsindisha neza ibizamini bya Leta kaza ku mwanya wa mbere mu Ntara y'Amajyaruguru.

## RULINDO: HATANGIJWE UBUKANGURAMBAGA BW'IMINSI 16 BWO KURWANYA IHOHOTERWA HANAHEMBWA UWAGIZE URUHARE MU GUKUMIRA IHOHOTERWA RIKORERWA MU NGO.




***Abayobozi bashyikiriza igihembo NZABONIMPA Jean Pierre kubera uruhare yagize mu gukumira ihohoterwa***

Tariki ya 25 Ugushyingo 2025 mu karere ka Rulindo hatangiye ubukangurambaga bw'iminsi 16 bugamije gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku rwego rw'Akarere ubu bukangurambaga bwatangirijwe mu murenge wa Cyungo ku nsanganyamatsiko igira Iti: "Twubake umuryango uzira ihohotera".
mu gutangiza ubu bukangurambaga Akarere kashyikirije igihembo.NZABONIMPA Jean pierre wo mu murenge wa Cyungo cyo kuba yaraharaniye kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu muryango abinyujije mu gukora ubukangurambaga no kwigisha imiryango
Iki gikorwa cyatangirijwe mu Nteko y'Abaturage yabereye mu Murenge wa Cyungo, aho abaturage bacinye akadiho bishimira ubutumwa bwagenewe uyu munsi, bwibanze cyane ku gukangurira buri wese kugira uruhare mu kurinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose.



***BATAMULIZA Alice Umushinjacyaha mu rukiko rwa Gicumbi na Depite Kalisa jean Sauveur basobanurira abaturage uburyo bwo gukumira ihohoterwa.***

Abaturage basobanuriwe Uburyo bwo gukumira ihohoterwa rikorerwa abagore, abana n'abandi bose bashobora guhura n'ingaruka zabyo,Kurwanya icuruzwa ry'abantu, rikomeje kuba ikibazo ku rwego mpuzamahanga, Uruhare rw'umuryango n'inzego z'ibanze mu gukangurira abaturage gutangira amakuru ku gihe.
Nyuma y'ubukangurambaga, Abadepite baganiriye n'abaturage ku ngingo zitandukanye zirimo Ibibazo by'imiturire n'imitunganyirize y'ingo,Gukumira amakimbirane yo mu miryango,Ndetse n'uko abaturage bashobora kuba abafatanyabikorwa mu kubaka umuryango utekanye.

Umuyobozi w'Akarere yashimye uruhare rw'abaturage mu kubahiriza gahunda za Leta, abasaba gukomeza kuba ku isonga mu gukumira ihohoterwa, no kurushaho kwicungira umutekano n'imibereho myiza.

## ABAGIZE KOMITE Y'IHURIRO RY'ITERAMBERE RY'AKARERE NA KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE BASUYE IMISHINGA Y'AKARERE N'IBIGO BITANDUKANYE.



***Umuyobozi w'Ihuriro ry'Iterambere ry'Akarere Dr Sam Kanyamibwa hamwe n'Umuyobozi w'Akarere basuye IPRC Tumba***

Tariki ya 18 Komite Nyobozi y'Akarere hamwe n'abagize komite y'Ihuriro ry'Iterambere ry'Akarere iyobowe na Dr KANYAMIBWA Samuel hamwe n'Inzego z'umutekano basuye imishinga n'ibigo bitandukanye harebwa uruhare rwabyo mu mibereho myiza y'Abaturage n'iterambere ry'Akarere.
imishinga yasuwe harimo icyanya cyuhirwa cya Muyanza aho baganiriye n'abahinzi bibumbiye muri koperative zitandukanye zikorere muri iki cyanya, baganira n'abahinzi uburyo kibafasha kwiteza imbere,abayobozi bakaba banasuye ibigo bitandukanye birimo Rutongo mine, aho baganiriye n'ubuyobozi bw'iki kigo kibagaragariza uruhare rwacyo mu gufasha abaturage kugira imibereho myiza na gahunda y'iki kigo mu iterambere ry'Akarere.



***Umuyobozi w'Ihuriro ry'Iterambere ry'Akarere hamwe na komite Nyobozi y'Akarere basuye Icyanya cyuhirwa cya Muyanza***

hasuwe ibitaro by'Akarere bya Rutongo baganira n'ubuyobozi bw'ibitaro ndetse basura ahateganywa kubakwa ibiro bishya by'Akarere mu murenge wa Ngoma.
iyi gahunda yo gusura imishinga n'ibigo bitandukanye ibaye nyuma y'inama yabaye tariki ya 14 /10/2025 yari yahuje komite nyobozi y'Akarere n'abagize komite y'ihuriro ry'iterambere ry'Akarere yashyizweho tariki ya 5 ukwakira 2025.

## ABADEPITE BASHIMYE INGAMBA ZAFASHWE N'UBUYOBOZI BW'AKARERE ZIREBANA NO KURWANYA UBUCUKUZI BUTEMEWE BW'AMABUYE Y'AGACIRO..



*Umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith yakiriye Abadepite baje Gusuzuma uko Akarere gashyira mu bikorwa ingamba zo kurwanya ubucukuzi butemewe n'ubujura.*

Mu ruzinduko abadepite bagize komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga Ubutwererane n'Umutekano bagiriye mu karere ka Rulindo hagamijwe gusesengura ikibazo cy'ubujuru n'ubucukuzi butemewe bw'amabuye y'agaciro bashimye ingama zafashwe n'ubuyobozi bw'Akarere ku bufatanye n'izindi nzego mu kurwanya ubucukuzi butemewe.
Itsina ry'Abadepite rigizwe na Hon UWINGABE Solange hamwe na Hon MUNYANDAMUTSA Jean Paul ubwo ryaganiraga n'ubuyobozi bw'Akarere, inzego z'Umutekano,abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro ndetse n'abagize urugaga rw'abikorera, abadepite bagaragarijwe uko ikibazo cy'ubucukuzi butemewe bw'amabuye y'agaciro ndetse n'icyubujura bihagaze mu Karere banagaragarizwa ingamba zagiye zifatwa zo guhangana n'iki kibazo ndetse n'Imbogamizi zihari zitamu abakora ubucukuzi butemewe badahagarara burundu.
.



*Hon UWINGABE Solange na Hon .MUNYENDAMUTSA Jean Paul baganira n'abayobozi bo mu Murenge wa Masoro*

Nyuma yo kugaragarizwa ibimaze gukorwa ,Abadepite basuye ahakorerwa ubucukuzi butemewe bw'amabuye y'Agaciro mu mirenge itandukanye harimo ahacukurwa zahabu mu murenge wa Rukozo no mu murenge wa Masoro hacukurwa gasegereti na cariyeri.
Nyuma yo gusura ahacukurwa mu buryo butemewe mu murenge wa Masoro abadepite baganiriye n'abayobozi mu byiciro bitandukanye muri uyu Murenge, harebwa icyakorwa mu rwego rwo guhashya burundu abakora ubucukuzi butemewe bw'amabuye y'Agaciro.

Hon.UWINGABE Solange yavuze ko Abadepite bagize komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga Ubutwererane n'Umutekano bahagurukijwe n'ibibazo bibiri byagaragaye nyuma y'ingendo z'abadepite zakozwe mu gihugu hose mu mpera z'ukwezi kwa gatanu no mu ntangiriro z'ukwezi kwa gatandatu bikagaragara ko ubujuru n'ubucukuzi butemewe bw'amabuye y'Agaciro ari ikibazo gikomeye.
Yakomeje avuga ko nubwo mu karere ka Rulindo hari ubucukuzi butemewe bw'amabuye y'agaciro bidakabije cyane ugereranyije n'ahandi kuko ubuyobozi bw'Akarere bufatanyije n'izindi nzego bwafashe ingamba ndetse bashyiramo imbaraga nyinshi zo kubihashya.

## URUBYIRUKO RUSAGA 4000 RWIGISHIJWE IMYUGA ITANDUKANYE BINYUZE MU MUSHINGA BULIZA YOUTH EMPOWERMENT



*Urubyiruko rwahuguwe na World Vision ku mishinga itandukanye*

Buliza Youth Empowerment ni umushinga watewe inkunga n'abanya Finiland ushyirwa mu bikorwa na world vision Rwanda ku bufatanye n'Akarere ka Rulindo aho wafashije urubyiruko rugera 4000 rwo mu mirenge ya Bushoki,Kinihira, Mbogo na Tumba kwiga imyuga no kwihangira imirimo ndetse banahabwa ibikoresho bibafasha gutangira gukora ibyo bize.
Nsabimana Juvenal utuye mu murenge wa Bushoki mu Kagali ka Gasiza ni umwe mu rubyiruko rwahuguwe kuri ubu akaba amaze imyaka 2 atangiye gukora isabune akoresheje ibinure aho kuri ubu ashobora kwinjiza amafarenga arenga ibihumbi 200,000 buri kwezi yakuyemo ayibikoresho n'ayo guhembye abakozi akoresha.
NSABIMANA Juvenal akomeza avuga ko gukora amasabune atariwe gusa bifasha kwiteza imbere kuk yashoboye no gutanga akazi kurundi rubyiruko ruger ku 10 harimo batanu 5 bakorana mu buryo buhoraho ndetse n'abandi batanu bakorana mu buryo bwa nyakabyizi.

.

MUTABARUKA Innocent wari uhagarariye umuyobozi wa World vision mu Rwanda yagaragaje ko iki ari icyiciro cya mbere kirangiye kandi ko bazakomeza gufasha urubyiruko mu kindi cyiciro aho bazafasha urubyiruko rwo muyindi mirenge .




***NSABIMANA Juvenal Uhagarariye Wo rld Vision***

Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yashimiye Umufatanyabikorwa world vision Rwanda n'Urubyiruko rwafashijwe muri iyi gahunda abizeza gukomeza ubufatanye byumwihariko akaba yasabye urubyiruko gukoresha imbaraga rukiteza imbere ndetse rukanateza imbere igihugu.



***MUKANYIRIGIRA Judith UMUYOBOZI W'AKARERE***

Amasomo yatanzwe n'umuryango Word Vision muri uyu mushinga wiswe Buliza Youth Empowerment harimo amasomo y'Imyuga yo Kudoda,Gusuka imisatsi,Gusudira,Kubaza,gukora inkweto,ubwubatsi,ubukanishi,ubutetsi n'ubuhinzi. Urubyiruko rwahawe aya masomo rukaba rwaranahawe ibikoresho n'igishoro.

.